Classement

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, kuwa 12/10/2016
Ref №Njy..110./07.05.03/09

GATSIBO DISTRICT
Reception
Date : 13 OCT 2016
Signature : ....

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

-Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba – **Rwamagana.**

Eastern Province
For reception
Date 14 OCT 2016
Signature

**<u>Impamvu</u>:** Kubagezaho Imyanzuro y' Inama Njyanama ,

Madamu Guverineri;

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho, k'umugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa Gatandatu tariki ya 08.10.2016, ku mugereka w'iyi baruwa murahasanga imyanzuro ku buryo burambuye.

Mugire amahoro.

14 OCT 2016

**RUKEMANGANIZI Cyprien**

Umuyobozi w'inama Njyanama y'Akarere ka **Gatsibo.**

**Bimenyeshejwe** :

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **<u>Kigali.</u>**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **Gatsibo .**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANDATU TARIKI YA 08/10/2016**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 08/10/2016, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien ;

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 28 kuri 29 bayigize, yatangiye imirimo yayo saa tatu n'iminota mirongo itatu n'itanu (09H35).

Abajyanama bamaze gutanga ibitekerezo bemeje ingingo zikurikira ku murongo w'ibyigwa:

1. Kugezwaho ibibazo Abajyanama batumwe n'Abaturage;
2. Kwemeza inyandikomvugo z'Inama Njyanama;
   a) Inama isanzwe yo kuwa 24/06/2016
   b) Inama idasanzwe yo kuwa 30/06/2016
3. Gusuzuma no kwemeza ibikubiye mu nyandikomvugo ya:
   a) Inama z'Abaperezida zo kuwa 22/07/2016, 26/08/2016 na 22/09/2016 raporo z'amakomisiyo ahoraho na Komisiyo adhoc;
   b) Komite y'Ubugenzuzi
4. Kugezwaho raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi bijyanye n'inshingano zabo;
5. Kugezwaho raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere;
6. Kwemeza Umujyanama muri Board of the District for water, sanitation and hygiene;
7. Kwemeza urutonde rw'abaturage bazahabwa ingurane ikwiye;
8. Gusuzuma icyemezo cy'Inama Njyanama cyo kuwa 14/08/2015 N° 7.2;
9. Kungurana ibitekerezo ku mwanzuro w'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku bijyanye na:
   a) Fuel yahawe Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge 2014/2015
   b) Ikibazo cy'imyenda y'Akarere igaragazwa muri raporo
10. AOB (Divers)

## 1. KUGEZWAHO IBIBAZO ABAJYANAMA BATUMWE N'ABATURAGE;

Inama Njyanama imaze kwishimira umwanya Akarere ka Gatsibo kagize mu kwesa imihigo 2015-2016 (11/30) no kwiyemeza gutera intambwe irushijeho muri 2016-2017, yakiriye ibibazo Abajyanama batumwe n'abaturage bikaba byaribanze ku bikorwa remezo (inyubako zinyuranye, amazi, amashanyarazi, imihanda,amashuri) amashyamba ya Leta, amakimbirane ku butaka n'ibishushanyo mbonera by'imijyi.

**1.1** Inama Njyanama yanyuzwe n'ibisubizo byatanzwe na Komite Nyobozi y'Akarere kuri bimwe mu bibazo byatanzwe kandi iyisaba gukurikirana ibisigaye.

**1.2** Inama Njyanama ikurikije igihe cyakoreshejwe kuri iyi ngingo (hafi amasaha abiri), yemeje ko ubutaha, hazajya hakirwa ibibazo gusa bikazajya bisubizwa mu nama ikurikiyeho;

## 2. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Z'INAMA NJYANAMA

Inama Njyanama nyuma yo kuzikorera ubugororangingo, yemeje inyandikomvugo z'inama z'Inama Njyanama y'Akarere zikurikira:

a) Inama isanzwe yateranye kuwa 24/06/2016
b) Inama idasanzwe yateranye kuwa 30/06/2016

## 3. GUSUZUMA NO KWEMEZA IBIKUBIYE MU NYANDIKOMVUGO Y'INAMA Z'ABAPEREZIDA ZO KUWA 22/07/2016, 26/08/2016 NA 22/09/2016, RAPORO Z'AMAKOMISIYO AHORAHO, KOMISIYO ADHOC NA KOMITE Y'UBUGENZUZI ;

Inama Njyanama yashyigikiye ibyifuzo by'imyanzuro byatanzwe n'inama z'Abaperezida zishingiye kuri raporo z'amakomisiyo ahoraho na Komisiyo idasanzwe ku buryo bukurikira:

**3.1** Inama Njyanama ishingiye ku bibazo byagaragajwe n'abayobozi b'amakomisiyo, biyemeje kujya bubahiriza isaha iba yateganijwe yo gutangira inama, bagataha inyandikomvugo imaze gukorwa bityo bigakemura icyibazo cy'amafaranga ya transport yakenerwa mu gihe baje gukora no gutanga inyandikomvugo, ibi byagira ingaruka nziza mu mikoreshereze y'umutungo w'Akarere;

**3.2** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukora ibishoboka kugirango yihutishe igurwa ry'ibikoresho byasabwe n'Abajyanama birimo laptops nshya 8 ziri kumwe na modems, flash na Hard disq;

**Raporo ya Komisiyo adhoc yashyiriweho gucukumbura ikibazo cy'ubutaka bw'Akarere bwagurishijwe mu Murenge wa Rwimbogo:**

**3.3** Inama Njyanama yemeje ko Umuyobozi w'Inama Njyanama yandikira Umuyobozi w'Akarere amusaba gukoresha audit yihuse ku kibazo cya Rwimbogo hakagaragazwa amafaranga yakiriwe, uwayakiriye, konti yashyizweho n'icyo yakoreshejwe;

**3.4** Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere, gushaka Auditeur interne uturutse mu kandi Karere kugira ngo asimbure Bwana NKURUNZIZA Zachée uvugwa muri raporo ya Komisiyo adhoc, kugirango azunganire ba Auditeurs Interne basigaye muri icyo gikorwa;

**3.5** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kuba ihagaritse ibikorwa byose bikorerwa ku butaka bw'Akarere bwagurishijwe mu Murenge wa Rwimbogo, ubutaka bukaba buri mu maboko y'Akarere;

**Raporo ya Komisiyo y'imiyoborere myiza**

**3.6** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gushishikariza Inama Njyanama z'Imirenge kwita ku bikorwa byateza Umurenge imbere mu nama zabo, hibandwa ku bikorwa by'amajyambere abaturage bahisemo;

**3.7** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gushishikariza Inama Njyanama z'Imirenge kubahiriza gahunda z'inama no gutangira raporo zazo ku gihe nkuko biteganywa n'ingingo ya

189 y'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage;

**3.8** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gushyiraho uburyo buhoraho bwo gusobanurira abaturage ibivugwa mu Itegeko N° 27/2016 ryo kuwa 08/07/2016 rigena imicungire y'umutungo w'abashyingiranwe, impano n'izungura;

**3.9** Inama Njyanama yemeje gahunda ya Komisiyo yo gusura Imirenge yasigaye iteye ku buryo bukurikiye:

- Ukwakira 2016 : Murambi na Gasange
- Ukuboza 2016 : Muhura na Kageyo
- Gashyantare 2017 : Remera, Kabarore na Kiramuruzi.

**Raporo ya Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage**

**3.10** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwongera imbaraga mu gukangurira abaturage gutanga imisanzu ya Mutuelle de santé hifashishwa inzego zose;

**3.11** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gushyiraho ingamba zatuma discipline mu bigo by'amashuri yitabwaho kandi igahana ku buryo bw'intangarugero abantu bose bagaragaweho igikorwa cyo kurarura abana b'abanyeshuri;

**3.12** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi guhagarika ibikorwa by'ubucuruzi bikorerwa mu nkengero z'ibigo by'amashuri birarura abanyeshuri (utubari, amacumbi n'ibindi);

**3.13** Inama Njyanama yemeje gahunda y'inama zisanzwe za Komisiyo ikurikira: Tariki ya 13/07/2016 iya 10/08/2016, iya 14/09/2016' iya 12/10/2016, iya 04/11/2016, iya 07/12/2016, iya 11/01/2017, iya 08/02/2017, iya 07/03/2017, iya 05/04/2017, iya 10/05/2017 n'iya 07/06/2017.

**Raporo ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu**

**3.14** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwegera no gukorana n'inzego zose bireba hagashyirwaho ubuyobozi bunoze bwa Koperative y'abahinzi b'umuceri bo mu gishanga cya Rwangingo gihuriweho n'Uturere twombi (Gatsibo na Nyagatare);

**3.15** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana gahunda Abashinwa bari batanze yo kwigisha abaturage ihingwa ry'umuceri wa JINSHA n'ibihumyo n'urugendo shuri bari bemereye Abajyanama;

**3.16** Inama Njyanama yemeje ko amahoro y'isuku mw'isoko atagaragara mu myanzuro yashyirwa ku mafaranga ijana (100Frw) kuri buri mucuruzi uko isoko ryaremye kandi agahabwa kitansi ya RRA, ayo mafaranga akazajya akora ibijyanye no gusukura isoko;

**3.17** Inama Njyanama yasabye Ubuyobozi bwa Ngali gusuzuma uburyo bwakoreshwa mu rwego rwo kworohereza abacuruzi b'imboga bakorera mu masoko y'ahafatwa nk'umujyi mw'itangwa ry'amahoro y'isuku agenwa n'itegeko angana n'ibihumbi bitanu (5,000 Frw);

**3.18** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kureba uburyo amasoko yazitirwa, kandi akagezwamo umuriro w'amashanyarazi mu rwego rwo gufasha abayakoreramo gucuruza na n'injoro.

**Raporo ya Komite y'Ubugenzuzi**

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri présentation yakozwe na Perezida wa Komite y'Ubugenzuzi yarayakiriye maze yemeza imyanzuro ikurikira:

**3.19** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kureba uburyo yajya yihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ku buryo ryagera byibuze ku kigereranyo cya 80 %;

**3.20** Inama Njyanama mu rwego rwo gukumira amakosa mashya, yemeje ko abakozi bose bafite mu nshingano imikoreshereze y'imari mu bigo (amashuri, amavuriro) bazahabwa amahugurwa (imitangire y'amasoko, kuzuza ibitabo by'icungamutungo,....) no gutandukanya inshingano (segregation of duties) kugira ngo barusheho kunoza imicungire yayo;

**3.21** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko aho bishoboka yakurikirana kandi ikagaruza ibikoresho byaburiwe irengero, ababigizemo uruhare baboneka bagakurikiranwa, inasaba Komite y'ubugenzuzi kuzakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mwanzuro;

**3.22** Inama Njyanama yemeje abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro biri mu Karere ku buryo bukurikira:

**Ibitaro bya Kiziguro:**

1. Bwana NKURUNZIZA Robert: Uhagarariye amadini
2. Bwana NKUSI Charles: Uhagarariye Abikorera (PSF)
3. Madame UMFUYISONI Bernadette: Umukozi w'Akarere
4. Padiri RUTINDUKA Laurent : Uhagarariye Musenyeri wa Diyosezi ya Byumba
5. Bwana KARASIRA Paul: Uhagarariye Ibigo Nderabuzima
6. Dr MUKAMA Dioclès : Umuyobozi w'Ibitaro bya Kiziguro
7. Bwana SEKANYANGE Jean Léonard :Uhagarariye Inama Njyanama

**Ibitaro bya Ngarama**

1. Bwana MANISHIMWE Gilbert: Uhagarariye Inama Njyanama
2. Bwana GATSINZI Marcel : Uhagarariye Ibigo Nderabuzima
3. Umuyobozi w'Ibitaro bya Ngarama (Médécin Directeur)
4. Bwana HABIYAMBERE Jean Claude : Umukozi w'Akarere
5. Bwana KANYAMIHIGO Fidèle : Uhagarariye Abikorera (PSF)
6. Bwana MUNYANZIZA Hamuduni : Uhagarariye amadini.

## 4. KUGEZWAHO RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMITE NYOBOZI BIJYANYE N'INSHINGANO ZABO;

Inama Njyanama yemeje mu bwumvikane busesuye ko ingingo isubikwa ikazigwa mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere izaterana kuwa gatanu tariki ya 21/10/2016

## 5. KUGEZWAHO RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE;

Inama Njyanama yemeje mu bwumvikane busesuye ko ingingo isubikwa ikazigwa mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere izaterana kuwa gatanu tariki ya 21/10/2016

## 6. KWEMEZA UMUJYANAMA MURI BOARD OF THE DISTRICT FOR WATER, SANITATION AND HYGIENE;

Inama Njyanama ishingiye ku ibaruwa N° 1583/07/05/03/01/OSC yo kuwa 03/10/2016 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama nawe ashingiye ku ibaruwa N° 077/SE/EXW/016 yo kuwa 20/09/2016, amusaba Umujyanama umwe (1) wo muri Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu wo kujya muri Board of the District for water, sanitation and hygiene, yemeje ku bwumvikane busesuye Perezida wa Komisiyo Umujyanama BIZIMANA Léonidas.

## 7. KWEMEZA URUTONDE RW'ABATURAGE BAZAHABWA INGURANE IKWIYE;

Inama Njyanama imaze gusuzuma amadosiye yujuje ibyangombwa asabirwa ingurane ikwiye kugirango ashyirwe muri gahunda (planning) y'Akarere yemeje:

7.1 Ingurane ikwiye ya Madame BAMULIGIRE Alphonsine wo mu Murenge wa Murambi, Akagari ka Rwimitereri ku bikorwa bye byari ku butaka bwahinzwe ho umuceri mu gishanga cya Kanyonyomba;

| N° | AMAZINA | ID N° | AMAFARANGA |
|---|---|---|---|
| 1 | BAMURIGIRE Alphonsine | 1195270048792071 | **2,196,250 Frw** |

7.2 Inama Njyanama yemeje urutonde rw'abaturage bo mu Murenge wa Gasange bagomba guhabwa <u>ingurane ikwiye ku hantu hateganywa kubakwa umudugudu w'ikitegererezo:</u>

| N° | AMAZINA | N° I.D | AMAFARANGA |
|---|---|---|---|
| 1 | NIKUZE Epiphanie | 1 195670048286066 | 43,470 |
| 2 | NDAGIJIMANA Evariste | 1 197680089382047 | 6,850 |
| 3 | RUTAYISIRE Jean | 1 197280084255025 | 210,180 |
| 4 | AYABAGABO Straton | 1 198780158742071 | 37,989 |
| 5 | KAGISHA Aloys | 1 193880013822093 | 24,805 |
| 6 | MUKUNDUFITE Etienne | 1 196380060564050 | 192,098 |
| 7 | RUSAGARA Jean Bosco | 1 196280068452024 | 9,660 |
| 8 | TWAGIRAYEZU Théoneste | 1 197380081593095 | 141,112 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 9 | MPARIRWA Jean Damascène | 1 198580163516028 | 26,838 |
| 10 | MATABARO Théophile | 1 197380081596056 | 43,722 |
| 11 | NYIRABAHINZI Elyse | 1 193770011904011 | 70,606 |
| 12 | KARIBUHUNGU Innocent | 1 197080091843028 | 2,037 |
| 13 | MUGABO Pierre Clavel | 1 197780096365048 | 146,572 |
| 14 | UWITONZE Judith | 1 198470011115069 | 21,084 |
| 15 | NYIRABUTORAGURWA Pascasie | 1 193770011904011 | 45,234 |
| 16 | UWIZEYE Innocent | 1 197480088739092 | 15,267 |
| 17 | NTIYAMIRA Juvenal | 1 196280068480014 | 100,535 |
| 18 | BIZIMANA Anastase | 1 197280084256198 | 23,174 |
| 19 | BIZIMANA Innocent | 1 195980059877059 | 37,817 |
| 20 | RUZINDANA Joseph | 1 196980063832019 | 131,016 |
| 21 | NTABUGI Athanasie | 1 193070016697082 | 76,629 |
| 22 | NDANGIYIMFURA Alphonse | 1 193080015092017 | 58,338 |
| 23 | NSHUMBUSHO Cyprien | 1 197880116170082 | 37,800 |
| 24 | MUNYANEZA Aloys | 1 198080147623047 | 10,080 |
| 25 | MUNYANGABE Erneste | 1 196280068484062 | 168,078 |
| 26 | TWAHIRWA John | 1 196180048850029 | 592,381 |
| 27 | GAHIGI Jean Bosco | 1 196980063899056 | 121,953 |
| 28 | GAKWANDI Jean | 1 194480017094047 | 88,219 |
| 29 | GASIGWA Evariste | 1 196780065880075 | 119,112 |
| 30 | HARERIMANA Gaspard | 1 195080036483036 | 146,198 |
| 31 | MUNYANEZA Dismas | 1 197080078987065 | 24,255 |
| 32 | HAKIZIMANA Théogène | 1 196380011117050 | 71,551 |
| 33 | KAJANGWE Innocent | 1 195580043858059 | 136,223 |
| 34 | KAMBANDA Pascal | 1 196180048852003 | 381,507 |
| 35 | KARIMBA Jean Marie Vianney | 1 196780059396009 | 160,209 |
| 36 | MUKANKURANGA Anne Marie | 1 194570022179037 | 31,777 |
| 37 | MUKABUTARE Clothilde | 1 196970063892053 | 12,296 |
| 38 | MUKAKARANGWA Rosarie | 1 196870070550086 | 118,595 |
| 39 | KAMANZI RUDAHIGWA | 1 198280173083044 | 47,473 |
| 40 | NTIBARINGANIRA Anaclet | 1 197480088831085 | 240,681 |
| 41 | NIYITEGEKA Jean de Dieu | 1 198480168180021 | 82,121 |
| 42 | KAYITARE Gilbert | 1 196880057879054 | 32,365 |
| 43 | BAZIZANE Béatrice | 1 196770059335000 | 67,616 |
| | | **IGITERANYO** | **4,146,523** |

7.3 Inama Njyanama yemeje ingurane ikwiye ku mitungo y'abaturage izangizwa no kubaka ibigega by'amazi ku muyoboro wa Gihengeri-Ngarama-Gatsibo-Kabarore:

| N° | NAME | UMURENGE | AKAGARI | N° ID | AMAFARANGA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | MURISA Diogene | Ngarama | Nyarubungo | 1196080065301048 | 249,600 |
| 2 | YAMURAGUYE Emmanuel | Ngarama | Ngarama | 1197980115103032 | 1,279,635 |
| 3 | AKIMANA Verene | Gatsibo | Nyagahanga | 1196270070764030 | 23,310 |
| 4 | HABIMANA Evariste | Gatsibo | Nyagitabire | | 20,160 |
| | | | **IGITERANYO** | | **1,572, 705** |

7.4 Inama Njyanama yemeje ingurane ikwiye ku butaka bw'Abaturage n'ibyari biburiho ahubatswe Ikigo Nderabuzima cya Gatsibo, ariko ikazatangwa ari uko ibyangombwa byose bigaragajwe:

| N° | NAME | UMURENGE | N° ID | AMAFARANGA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | SEKAMANA Hamimu | Gatsibo | 1195880003085071 | 116,235 |
| 2 | NDAYISHIMIYE Ali | Gatsibo | 1197380081631082 | 396,050 |
| 3 | UBONYEBENSHI Assouman | Gatsibo | 1197170064034013 | 2,130,900 |
| 4 | MUKAGATSINZI Zayina | Gatsibo | 1196770059423027 | 293,420 |
| 5 | NYIRANDABARUTA Safiya | Gatsibo | 1196570057275093 | 132,840 |
| 6 | BIBARIMANA Haruna | Gatsibo | 1195280044350023 | 1,727,210 |
| 7 | MUKAKAMARI Therese | Gatsibo | 1195870054735005 | 720,000 |
| 8 | MUKAMUGAMBIRA Daphrose | Gatsibo | 1195870054775057 | 283,500 |
| **IGITERANYO** | | | | **5,800,155** |

7.5 Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu kongera gusuzuma ibigendanye n'ingurane izahabwa abaturage bo mu Murenge wa Gatsibo kuko yari imaze kumva ko haba harimo abaturage batanze amakuru atariyo.

## 8. GUSUZUMA UMWANZURO W'INAMA NJYANAMA

Inama Njyanama yasubiye ku mwanzuro wayo wo kw'itariki 14/08/2015 N° 7.2 wagenaga amavuta y'imodoka yahabwaga abagize Biro y'Inama Njyanama imaze kuwunguranaho ibitekerezo bigamije gushaka umuti uhoraho;

Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ko hakurikijwe urwego bariho, buri wese azajya agenerwa transport facilitation isimbura fuel bahabwaga ku buryo bukurikira:

- Umuyobozi w'Inama Njyanama azajya ahabwa amafaranga ibihumbi mirongo ine (40,000 Frw);
- Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama azajya ahabwa amafaranga ibihumbi mirongo itatu (30,000 Frw);
- Umunyamabanga w'Inama Njyanama azajya ahabwa amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000 Frw);

## 9.KUNGURANA IBITEKEREZO KU MWANZURO W'UMUGENZUZI MUKURU W'IMARI YA LETA

**9.1** Inama Njyanama yunguranye ibitekerezo ku bijyanye na fuel yahawe Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge 2014/2015, imaze kugaragarizwa yuko icyemezo cyafashwe na Komite Nyobozi kubera ibikorwa byihutirwaga n'ibyo basabwaga gukora, Inama Njyanama yasanze kubishyuza byaba ari ukubahohotera, yemeza ko uwo mwenda ungana **n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni mirongo ine n'umunani ibihumbi magana ane na mirongo ine (48,440,000 Frw)** bawuhanagurwaho;

**9.2** Inama Njyanama yunguranye kandi ibitekerezo ku bijyanye n'imyenda Akarere kaba gafitiye abantu banyuranye, yagaragajwe muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta igaruka ku myanzuro yafashwe mu nama idasanzwe yateranye tariki ya 9/01/2015, maze isaba

Komite Nyobozi kwegeranya ibimenyetso yashingiraho ikazafatira ikibazo umwanzuro mu nama idasanzwe yo kuwa 21/10/2016;

**9.3** Inama Njyanama yagarutse ku kibazo cy'abaturage bari bafitiye Akarere umwenda ukomoka kuri telefoni igaragaza ko umwanzuro **2.3** w' inama idasanzwe yateranye tariki ya 9/01/2015 yawubasoneye.

**10.** AOB (Divers)

**10.1** Inama Njyanama imaze kugezwaho ikibazo cy'inyubako ya Guest House y'Akarere cyagaragajwe na Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu, yasabye Umuyobozi bw'Akarere kwandikira Rwiyemezamirimo amusaba kuza agakosora mu buryo bwihuse amakosa yagaragajwe na Komisiyo;

**10.2** Inama Njyanama ishingiye ku ibaruwa N° 1585/07/05/03/01/OSC yo kuwa 06/10/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba kuvugurura ibiciro bikoreshwa hagurishwa amazi, imaze kungurana ibitekerezo ku ngaruka bizagira ku baturage ariko n'ibyiza byo kurengera imiyoboro y'amazi, yemeje ibi bikurikira:

**10.2.1** Igiciro cy'ijerikani y'amazi ku ivomo rusange cyari ku mafaranga icumi (10Frw), gishyizwe ku mafaranga cumi n'atanu (15Frw) ku muyoboro witwara (gravity);

**10.2.2** Igiciro cy'ijerikani y'amazi ku ivomo rusange cyari ku mafaranga icumi (10Frw), gishyizwe ku mafaranga makumyabiri n'atanu (20Frw) ku muyoboro usunikwa (pumping);

**10.2.3** Igiciro cya $m^3$ imwe ku ivomo rusange cyari ku mafaranga magana abiri na mirongo itanu (250Frw), gishizwe ku mafaranga magana ane (400Frw) ku muyoboro witwara (gravity);

**10.2.4** Igiciro cya $m^3$ imwe ku ivomo rusange cyari ku mafaranga magana abiri na mirongo itanu (250Frw), gishizwe ku mafaranga magana ane na mirongo itanu (450 Frw) ku muyoboro usunikwa (pumping);

**10.2.5** Igiciro cya $m^3$ imwe ku mufatabuguzi cyari ku mafaranga magana abiri na mirongo itanu (250Frw), gishizwe ku mafaranga magana ane (400Frw) ku muyoboro witwara (gravity);

**10.2.6** Igiciro cya m3 ku mufatabuguzi cyari ku mafaranga magana abiri na mirongo itanu (250 Frw), gishizwe ku mafaranga magana ane na mirongo itanu (450 Frw) ku muyoboro usunikwa (pumping);

| | |
|---|---|
| **Umwanditsi w'inama** | **Umuyobozi w'inama** |
| ............ | ............ |
| **YANKURIJE Marie Goretti** | **RUKEMANGANIZI Cyprien** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama** | **Umuyobozi w'Inama Njyanama** |

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANDATU TARIKI YA 08.10.2016.

| N° | AMAZINA | UMURENGE | ISAHA | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | BAHATI Bonny | KIRAMURUZI | 8h10 | |
| 2 | BAKINGA Deo | KABARORE | 09h10 | |
| 3 | BIZIMANA Léonidas | KAGEYO | 9h15 | |
| 4 | GASANA Richard | KIRAMURUZI | 9am | |
| 5 | GATETE Sylver | NGARAMA | 9h30 | |
| 6 | KABERA Canisius | RUGARAMA | 9h00 | |
| 7 | KAMONDO Gaëtan | MUHURA | 8h20 | |
| 8 | KANTENGWA Mary | RWIMBOGO | 9h30 | |
| 9 | KAPITENI Athar Eleazar | KIZIGURO | 8:54am | |
| 10 | MANISHIMWE Gibert | GITOKI | 8:55' | |
| 11 | MANZI Theogene | NYAGIHANGA | 8:55am | |
| 12 | MARIDADI Protais | KIRAMURUZI | 8h55 | |
| 13 | MBABAZI Oliver | KABARORE | 9:00 | |
| 14 | MUGIRASE M. Amabilis | KIRAMURUZI | 9h05 | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 15 | MUKAKIMENYI Leoncie | MUHURA | [illegible] | [illegible] |
| 16 | MUKAMANA Schovia | RWIMBOGO | [illegible] | [illegible] |
| 17 | MUKAMWIZA ELvanie | KIRAMURUZI | [illegible] | [illegible] |
| 18 | MUKANTAGARA Angelique | MURAMBI | [illegible] | |
| 19 | MUREKATETE Fortunee | KAGEYO | [illegible] | |
| 20 | MUSHIMIYIMANA Asterie | GATSIBO | [illegible] | [illegible] |
| 21 | MUTABUZA Benon | KABARORE | [illegible] | [illegible] |
| 22 | NDAGIJIMANA Eric | RUGARAMA | [illegible] | [illegible] |
| 23 | NDAHAYO Pascal | REMERA | 8h20' | [illegible] |
| 24 | RUKEMANGANIZI Cyprien | GASANGE | 7h30 | [illegible] |
| 25 | RUTAYISIRE K. Wilson | RWIMBOGO | [illegible] | [illegible] |
| 26 | SEKANYANGE Jean Léonard | MURAMBI | [illegible] | [illegible] |
| 27 | UFITENYINA Philotée | NYAGIHANGA | 9.30 | [illegible] |
| 28 | UWERA Espérance | REMERA | [illegible] | [illegible] |
| 29 | YANKURIJE Marie Goretti | NGARAMA | [illegible] | [illegible] |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Gatsibo, kuwa 10/11/2016**
**Ref №Njy.117./07.05.03/09**

GATSIBO DISTRICT
Reception
Date :...16/11/2016
Signature :...

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**INAMA NJYANAMA Y'AKARERE Y'AKARERE KA GATSIBO**

For reception
Date 10 NOV 2016
Signature

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**Impamvu:Imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 04/11/2016**

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho, k'umugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa gatanu taliki ya 04.11.2016.

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

MINALOC
Pour réception
Date 11 NOV
Signature

**RUKEMANGANIZI Cyprien**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **Gatsibo**.

**Bimenyeshejwe**;

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Ibihugu

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 04/11/2016**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 04/11/2016, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien ;

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 24 kuri 29 bayigize, yatangiye imirimo yayo saa yine (10H00).

**Ku murongo w'ibyigwa hari hateganyijwe ingingo zikurikira:**

1. Kugezwaho raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi bijyanye n'inshingano zabo;
2. Kugezwaho raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari (July-September 2016);
3. Kugezwaho urutonde rw'imyenda n'izindi nyandiko bijyana(support documents) Akarere kabereyemo cyangwa kaberewemo gasaba ko habaho gusonerwa;
4. Kwemeza ingurane ikwiye ahazubakwa IDP Model Village Nyabikiri/Kabarore;
5. Gukosora imyandikire ku mwanzuro 7.3 w'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 08/10/2016;
6. Gusobanurirwa gahunda y'ubukangurambaga kuri tarifu y'imisoro n'amahoro;
7. Kungurana ibitekerezo ku gisubizo cya Guverineri w'Intara ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 08/10/2016;
8. Kugezwaho icyifuzo cy'abaturage bahinga umuceri mu gishanga cya Rwangingo;
9. Kwemeza amabwiriza ya Transit Center.

**1.KUGEZWAHO RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMITE NYOBOZI BIJYANYE N'INSHINGANO ZABO;**

Kubera ko Umuyobozi w'Akarere,Umujyanama GASANA Richard atashoboye kuboneka mu nama bitewe nuko yari yitabiriye ubutumire bw'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Ihuriro ryizihizaga isabukuru y'imyaka makumyabiri rimaze, Abajyanama bemeje mu bwumvikane busesuye, ko iyi ngingo yasubikwa.

**2.KUGEZWAHO RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI (JULY-SEPTEMBER 2016);**

Inama Njyanama yakiriye raporo y' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere (Madame NANKUNDA Jolly)ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'igihembwe cya mbere (July-September 2016) nkuko biteganywa n'itegeko ndetse abajyanama babazaho ibibazo hanyuma Inama Njyanama yemeza ko Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu izayisuzuma mu buryo bwimbitse ikazabona kuyifataho umwanzuro.

**3.KUGEZWAHO URUTONDE RW'IMYENDA N'IZINDI NYANDIKO BIJYANA AKARERE KABEREYEMO CYANGWA KABEREWEMO GASABA KO HABAHO GUSONERWA;**

Inama Njyanama yasuzumye ibaruwa N° 1586/07.05.03/02/01 yo kuwa 5/10/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amugezaho urutonde rw'imyenda Akarere kagaragaza ko imaze igihe muri system ya IFMS (imyaka irenga ibiri) nkuko biteganywa n' ingingo y'105 y'Iteka rya Minisitiri No 001/16/10/TC ryo kuwa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza yerekeye imari, agasaba ko ikurwamo, nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri buri umwe umwe, ishingiye ku myanzuro yafashwe mu nama yayo idasanzwe, yateranye tariki ya 09/01/2015 mu ngingo ya kabiri (2) yasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, yafashe imyanzuro ikurikira:

**3.1** Inama Njyanama yemeje ko umwenda Akarere kabereyemo RWANDATEL ungana n'amafaranga y'u Rwana Miliyoni imwe n' ibihumbi magana atatu na cumi n'umunani na magana atatu mirongo itanu (1,318,350 Frw) ukurwa muri system kubera ko byagaragaye ko nta facture yishyuza ihari sosiyete ikaba yarafunze ku buryo nta muntu washakwaho amakuru;

**3.2** Inama Njyanama ishingiye kuri historique Akarere kahawe na Banki ya Kigali (BK) igaragaza ko Bwana GATETE Sylver wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ubwo abakozi bagurizwaga amafaranga y'u Rwanda angana na Miliyoni enye ibihumbi magana ane makumyabiri na bitandatu n'ijana (4,426,100 Frw) bagenda bishyura, yishyuye ayari asigaye angana n'ibihumbi magana inani na cumi na birindwi n'ijana (817,100 Frw), igarutse kandi ku mwanzuro 2.2 w' inama yayo idasanzwe, yateranye tariki ya 09/01/2015, yemeje ko uwo mwenda wishyuwe bityo ukaba ugomba gukurwa muri system;

**3.3** Inama Njyanama isubiye ku mwanzuro 2.3 w' inama yayo idasanzwe, yateranye tariki ya 09/01/2015, yemeje ko uwo mwenda ukurwa muri system kuko muri iyo nama, yari yemeje ko abaturage basonerwa amafaranga asigaye angana na miliyoni cumi n'umunani ibihumbi magana arindwi mirongo inani na kimwe na magana ane mirongo cyenda n'abiri (18,781,492 Frw);

**3.4** Inama Njyanama yemeje ko imyenda Akarere kabereyemo aba bakurikira ikurwa muri system ya IFMS:

| N° | Description | Amount/Rwf | Period of entry | Status |
|---|---|---|---|---|
| 1 | RWAKARERA Felicien | 114,015 | FY 2010/2011 | Yarandikiwe ngo azane dosiye yishyuza, ntiyasubiza |
| 2 | GARAGE TROPICAL MOTOR | 1,270,520 | FY 2012/2013 | Umwenda umaze igihe ariko nta dosiye yishyuza ihari |
| 3 | NDAKEBUKA William | 183,530 | FY 2010/2011 | Yarandikiwe ngo azane dosiye yishyuza, ntiyasubiza |
| 4 | OTHER PAYABLES | 62,853,588 | FY 2010/2011 | Imyenda yashyizwe muri system igitangira ariko |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | | nta nyandiko zemeza umwenda zihari |
| 5 | RETURNED SALARIES | 289,436 | FY 2010/2011 | Imyenda yashyizwe muri system igitangira ariko nta nyandiko zemeza umwenda zihari |
| 6 | RETURNED PAYMENTS | 19,391,909 | FY 2010/2011 | Imyenda yashyizwe muri system igitangira ariko nta nyandiko zemeza umwenda zihari |
| | **TOTAL** | **84,102,998** | | |

## 4.KWEMEZA INGURANE IKWIYE AHAZUBAKWA IDP MODEL VILLAGE NYABIKIRI/KABARORE;

Inama Njyanama ishingiye ku baruwa N° 1560/07/05.03/01/OSC yo kuwa 30/09/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama, yemeje ingurane ikwiye ku mitungo y'abaturage bakurikira bo mu Kagari ka Nyabikiri ahateganyijwe kubaka IDP Model Village ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni makumyabiri n'enye ibihumbi magana cyenda mirongo itatu na bitandatu magana ane na makumyabiri (**24,936,420 FRW**):

| N° | AMAZINA | UMURENGE | AKAGARI | IRANGAMUNTU | AMAFARANGA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | NDAHIRO SAKURE Edouard | KABARORE | NYABIKIRI | 1195880055122006 | 16,072,794 |
| 2 | NTIDENDEREZA Alfred | KABARORE | NYABIKIRI | 1195980012204054 | 8,863,626 |
| | | | | **IGITERANYO** | **24,936,420** |

## 5.GUKOSORA IMYANDIKIRE KU MWANZURO 7.3 W'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 08/10/2016;

Inama Njyanama ishingiye ku baruwa N° 1760/07/05.03/01/OSC yo kuwa 31/10/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama yagarutse ku mwanzuro 7.3 ikosora amakosa yarimo (Amazina n'igiteranyo) maze yemeza ingurane ikwiye ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni imwe ibihumbi magana atanu mirongo inani na bitanu ijana na mirongo inani n'atanu (1,585,185 FRW) ku mitungo y'abaturage izangizwa no kubaka ibigega by'amazi ku muyoboro wa Gihengeri-Ngarama-Gatsibo-Kabarore:

| N° | AMAZINA | UMURENGE | AKAGARI | IRANGAMUNTU | AMAFARANGA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | MURISA Diogène | Ngarama | Nyarubungo | 1196080065301048 | 262,080 |
| 2 | ADEPR (Primaire) ihagarariwe na YAMURAGIYE Emmanuel | Ngarama | Ngarama | 1197980115103032 | 1,279,635 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 3 | AKIMANA Vérène | Gatsibo | Nyagahanga | 1196270070764030 | 23,310 |
| 4 | (EAR) ihagarariwe na HABIMANA Evariste | Gatsibo | Nyagitabire | 11968006150068 | 20,160 |
| | | | **IGITERANYO** | | **1,585,185** |

**6.GUSOBANUKIRWA GAHUNDA Y'UBUKANGURAMBAGA KURI TARIFU Y'IMISORO N'AMAHORO;**

Nkuko byifujwe n'inama isanzwe y'Abaperezida yateranye kuwa gatanu tariki ya 26/08/2016, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama gahunda y'ubukangurambaga kuri tarifu y'imisoro n'amahoro iteganyijwe gukorerwa mu Mirenge yose;

**6.1** Inama yemeje ko itsinda rizasura Imirenge 9 itarimo amasoko manini izaba igizwe n'aba bakurikira:

a) Abagize Inama Njyanama y'Akarere babarizwa mu Murenge
b) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge
c) Kontabure w'Umurenge
d) Abahagarariye Ngali na Rwanda Revenue Authority (RRA) mu Murenge
e) Perezida w'Urugaga rw'abikorera (PSF) mu Murenge
f) Perezida w'Inama Njyanama y'Umurenge

**6.2** Inama Njyanama yemeje ko mu Mirenge ya Muhura, Kiramuruzi, Kabarore, Gatsibo na Ngarama irimo amasoko manini, itsinda rizayisura riziyongeraho Perezida wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu, abahagarariye Ngali na Rwanda Revenue Authority (RRA) ku rwego rw'Akarere n'Umuyobozi w'imari ku Karere.

**6.3** Inama Njyanama yemeje ko umunsi uzemezwa na Komite Nyobozi muri buri Murenge hakurikijwe iminsi abaturage babonekaho birinda iminsi y'amasoko aho mu Mirenge.

**7.KUNGURANA IBITEKEREZO KU GISUBIZO CYA GUVERINERI W'INTARA KU MYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 08/10/2016;**

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye mu baruwa N° 222//07.05.01 yo kuwa 18/10/2016,Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Intara akaba na Guverineri wayo w'agateganyo yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama, amugezaho ibisubizo ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 08/10/2016, yemeje ko Biro y'Inama Njyanama izajya kuganira nawe ku kibazo kijyanye no kuyorohereza transport.

**8.KUGEZWAHO ICYIFUZO CY'ABATURAGE BAHINGA UMUCERI MU GISHANGA CYA RWANGINGO;**

Iyi ngingo yashyizwe ku murongo w'ibyigwa kubera ubwihutirwe bw'ikibazo abaturage bahinze umuceri mu gishanga cya Rwangingo bakaba bakeneye ifumbire dore ko bageze mu gihe cy'ibagara;

Inama Njyanama yashimiye Komite Nyobozi yatangiye igikorwa cyo kubahuza na Rwiyemezamirimo ngo abahe inguzanyo bazishyura ku musaruro wabo nkuko byasobanuwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu.

**9.KWEMEZA AMABWIRIZA YA TRANSIT CENTER.**

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibisobanuro birebana n'amabwiriza agamije kugaragaza uko umuntu afatwa akazana mu kigo cyakira abantu bafite imyitwarire ibangamiye ituze n'umutekano w'abaturage kugeza agisohotsemo na Perezida wa Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, yashyigikiye ibyifuzo byatanzwe ku myanzuro.

**9.1** Inama Njyanama yemeje yuko Ikigo cy'Akarere ka Gatsibo cyakira abantu bafite imyitwarire ibangamiye ituze n'umutekano w'abaturage cyitwa GATSIBO TRANSIT CENTER (GTC);

**9.2** Inama Njyanama yemeje icyemezo N° NJY 116/07.05.03/09 cyo kuwa 04/11/2016, kigena amabwiriza agenga imikorere y' Ikigo cy'Akarere ka Gatsibo, cyakira abantu bafite imyitwarire ibangamiye ituze n'umutekano w'abaturage GATSIBO TRANSIT CENTER (GTC).

| | |
|---|---|
| **Umwanditsi w'inama** | **Umuyobozi w'inama** |
| ........................ | ........................ |
| **YANKURIJE Marie Goretti** | **RUKEMANGANIZI Cyprien** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama** | **Umuyobozi w'Inama Njyanama** |

PARARERE KA GATSI[illegible]ANO TARIKI YA 04/11/201

| Nº | AMAZINA | UMURENGE | ISAHA | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | BAHATI Bonny | KIRAMURUZI | [illegible] | [illegible] |
| 2 | BAKINGA Deo | KABARORE | Yasibye | Afite impamvu |
| 3 | BIZIMANA Léonidas | KAGEYO | [illegible] | [illegible] |
| 4 | GASANA Richard | KIRAMURUZI | Afite | impamvu |
| 5 | GATETE Sylver | NGARAMA | Afite | impamvu |
| 6 | KABERA Canisius | RUGARAMA | 9h05 | [illegible] |
| 7 | KAMONDO Gaëtan | MUHURA | 8h00 | [illegible] |
| 8 | KANTENGWA Mary | RWIMBOGO | 10h30 | [illegible] |
| 9 | KAPITENI Athar Eleazar | KIZIGURO | [illegible] | [illegible] |
| 10 | MANISHIMWE Gilbert | GITOKI | [illegible] | [illegible] |
| 11 | MANZI Theogene | NYAGIHANGA | 9h0 | [illegible] |
| 12 | MARIDADI Protais | KIRAMURUZI | [illegible] | [illegible] |
| 13 | MBABAZI Oliver | KABARORE | [illegible] | [illegible] |
| 14 | MUGIRASE M. Amabilis | KIRAMURUZI | [illegible] | [illegible] |
| 15 | MUKAKIMENYI Leoncie | MUHURA | [illegible] | [illegible] |
| 16 | MUKAMANA Schovia | RWIMBOGO | 9h 25 | [illegible] |
| 17 | MUKAMWIZA ELvanie | KIRAMURUZI | 9h30' | [illegible] |
| 18 | MUKANTAGARA Angelique | MURAMBI | Arafunze | |
| 19 | MUREKATETE Fortunee | KAGEYO | [illegible] | [illegible] |
| 20 | MUSHIMIYIMANA Asterie | GATSIBO | 9h40' | [illegible] |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 21 | MUTABUZA Beno[illegible] | KABARORE | 9h[illegible] | |
| 22 | NDAGIJIMANA Eric | RUGARAMA | 9h20 | |
| 23 | NDAHAYO Pascal | REMERA | [illegible] | |
| 24 | RUKEMANGANIZI Cyprien | GASANGE | 7h[illegible] | |
| 25 | RUTAYISIRE K. Wilson | RWIMBOGO | | |
| 26 | SEKANYANGE Jean Léonard | MURAMBI | 8h00 | |
| 27 | UFITENYINA Philotée | NYAGIHANGA | 9h[illegible] | |
| 28 | UWERA Espérance | REMERA | [illegible] | |
| 29 | YANKURIJE Marie Goretti | NGARAMA | 7h30 | |